

AMABWIRIZA N°004/R/SAN-
EWS/RURA/2016 YO KU WA 10/11/2016
AGENA UBURYO BWO GUSHYIRAHO NO
GUKORESHA IBIKORWAREMEZO
BYEGEREJWE ABATURAGE BITUNGANYA
AMAZI YAKORESHEJWE

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

**UMUTWE WA 2: IBISABWA MU RWEGO
RWA TEKINIKI MU GUTEKEREZA NO
GUSHYIRA MU NYANDIKO, KUBAKA NO
GUKORESHA IBIKORWAREMEZO BYO
GUTUNGANYA AMAZI YAKORESHEJWE**

**Ingingo ya 3: Ubushakashatsi bubanziriza
gutekereza no gushyira mu nyandiko imiterere
y'ibikorwaremezo**

**Ingingo ya 4: Ubushakashatsi ku miterere
y'ubutaka**

**Ingingo ya 5: Kwirinda imyuzure , gutekereza
no gushyira mu nyandiko aho ibikorwaremezo
bizashyirwa**

REGULATION N°004/R/SAN-
EWS/RURA/2016 OF 10/11/2016 GOVERNING
DECENTRALIZED WASTE WATER
TREATMENT SYSTEMS

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this regulation

Article 2: Definition of terms

**CHAPTER 2: TECHNICAL
REQUIREMENTS FOR DESIGN,
INSTALLATION AND OPERATION OF
WASTEWATER TREATMENT SYSTEM**

Article 3: Pre-design investigations

Article 4: Soils investigation

Article 5: Flood protection and site design

REGLEMENT N°004/R/SAN-EWS/RURA/2016
DU 10/11/2016 REGISSANT LES SYSTEMES
DECENTRALISES DE TRAITEMENT DES
EAUX USEES

TABLE DES MATIERES

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Article premier : Objet du présent règlement

Article 2: Définition des termes

**CHAPITRE 2: CONDITIONS TECHNIQUES
POUR LA CONCEPTION, L'INSTALLATION
ET LE FONCTIONNEMENT D'UN SYSTEME
DE TRAITEMENT DES EAUX USEES**

Article 3: Investigations pré-conceptuelles

Article 4: Investigation du sol

**Article 5: Protection contre les inondations et
conception du site**

Ingingo ya 6: Inyigo zigamije kureba niba ahantu hatoranyijwe hashobora kwakira ibikorwaremezo

Ingingo ya 7: Ibisabwa mu gutekereza no gushyira mu nyandiko ibikorwaremezo byo gutunganya amazi yakoreshejwe

Ingingo ya 8: Aho ibikorwaremezo byo gutunganya amazi yakoreshejwe bigomba kubakwa

Ingingo ya 9: Ahantu habujijwe gushyirwa ibikorwaremezo byo gutunganya amazi yakoreshejwe

Ingingo ya 10: Kubaka ibikorwaremezo byo gutunganya amazi yakoreshejwe

Ingingo ya 11: Ingwate yo kwishingira kurangiza neza akazi

Ingingo ya 12: Inshingano z'uwubaka ibikorwaremezo bitunganya amazi yakoreshejwe

Ingingo ya 13: Uburyozwe bw'uwubaka ibikorwaremezo bitunganya amazi yakoreshejwe

Ingingo ya 14: Kwakira by'agateganyo ibikorwaremezo byubatswe

Article 6: Feasibility studies of the site

Article 7: Requirements to design wastewater treatment systems

Article 8: Location of wastewater treatment system

Article 9: Prohibited area for wastewater treatment system

Article 10: Installation of wastewater treatment system

Article 11: Performance security

Article 12: Duties of wastewater treatment system installer

Article 13: Liability of wastewater treatment system installer

Article 14: Provisional reception of installation works

Article 6: Etudes de faisabilité du site

Article 7: Conditions de conception des systèmes de traitement des eaux usées

Article 8: Emplacement d'un système de traitement des eaux usées

Article 9: Zone interdite pour les systèmes de traitement des eaux usées

Article 10: Installation du système de traitement des eaux usées

Article 11: Garantie de bonne exécution

Article 12: Obligations de l'installateur de système de traitement des eaux usées

Article 13: Responsabilité civile de l'installateur de système de traitement des eaux usées

Article 14: Reception provisoire des travaux d'installation

<u>Ingingo ya 15:</u> Inshingano za nyir' ibikorwaremezo bitunganya amazi yakoreshejwe cyangwa umuhagarariye	<u>Article 15:</u> Duties of the owner of wastewater treatment system or his representative	<u>Article 15:</u> Devoirs du propriétaire de système de traitement des eaux usées ou de son représentant
<u>Ingingo ya 16:</u> Kwakira ibikorwaremezo burundu	<u>Article 16:</u> Final reception	<u>Article 16:</u> Réception finale
<u>Ingingo ya 17:</u> Uburyozwe bwa nyiri ibikorwaremezo cyangwa umuhagarariye	<u>Article 17:</u> Liability of system owner or his representative	<u>Article 17:</u> Responsabilité du propriétaire de système ou de son représentant
<u>Ingingo ya 18:</u> Iyipimo imyanda isohokeraho	<u>Article 18:</u> Discharge level	<u>Article 18:</u> Niveau de décharge
<u>Ingingo ya 19:</u> Ibisabwa mu rwego rwo gufata neza ibikorwaremezo bitunganya amazi yakoreshejwe	<u>Article 19:</u> Requirements for wastewater treatment system maintenance	<u>Article 19:</u> Conditions d'entretien du système de traitement des eaux usées
<u>Ingingo ya 20:</u> Inshingano z'ukoresha ibikorwaremezo bitunganya amazi yakoreshejwe	<u>Article 20:</u> Duty of operator of wastewater treatment system	<u>Article 20:</u> Obligations d'un opérateur de système de traitement des eaux usées
<u>Ingingo ya 21:</u> Igitabo gikubiyemo uburyo bwo gukoresha no gufata neza ibikorwaremezo	<u>Article 21:</u> Operation and maintenance manual	<u>Article 21:</u> Manuel d'opération et d'entretien
<u>Ingingo ya 22:</u> Ibikubiye mu gitabo cyo gukoresha gufata neza ibikorwaremezo	<u>Article 22:</u> Content of operation and maintenance manual	<u>Article 22:</u> Contenu de manuel d'opération et d'entretien
<u>Ingingo ya 23:</u> Ibisabwa mu rwego rwo kuzibura ibikorwaremezo bitunganya amazi yakoreshejwe	<u>Article 23:</u> Requirements to de-sludge a wastewater treatment system	<u>Article 23:</u> Conditions de nettoyage d'un système de traitement des eaux usées
<u>Ingingo ya 24:</u> Kugenzura imikorere y'ibikorwaremezo bitunganya amazi yakoreshejwe	<u>Article 24:</u> Monitoring of wastewater treatment system performance	<u>Article 24:</u> Contrôle de la performance du système de traitement des eaux usées
<u>Ingingo ya 25:</u> Ugushidikanya ku bisubizo byavuye muri laboratwari	<u>Article 25:</u> Doubt on laboratory result	<u>Article 25:</u> Doute des résultats de laboratoire
<u>Ingingo ya 26:</u> Ibibujijwe mu guhitamo imyanda isuzumwa	<u>Article 26:</u> Prohibition on sampling	<u>Article 26 :</u> Interdiction sur l'échantillonnage
UMUTWE WA 3 : IBIJYANYE N'ITANGWA RY'MPUSHYA N'IBISABWA MU GUTANGA	CHAPTER 3: LICENSING REGIME AND LICENSE REQUIREMENTS FOR	CHAPITRE 3 : REGIME DE LICENCE ET CONDITIONS D'OCTROI DE LICENCE POUR

**URUHUSHYA RWO KUBAKA NO
GUKORESHA IBIKORWAREMEZO
BITUNGANYA AMAZI YAKORESHEJWE**

Ingingo ya 27: Gutanga servisi zo gutunganya amazi yakoreshejwe

Ingingo ya 28: Ibisabwa byerekeye uruhushya rwo kubaka ibikorwaremezo byegerejwe abaturage bitunganya amazi yakoreshejwe

Ingingo ya 29: Isuzuma ry'ubusabe bw'uruhushya

Ingingo ya 30: icyemezo ku busabe bw'uruhushya

Ingingo ya 31: Itangwa ry'uruhushya

Ingingo ya 32: Impamvu zo kudatanga uruhushya

Ingingo ya 33: Inshingano z'uhawe uruhushya

Ingingo ya 34: Igihe uruhushya rumara

Ingingo ya 35: Ibura ry'uruhushya

Ingingo ya 36: Kongera agaciro k'uruhushya

Ingingo ya 37: Ihinduka ry' uruhushya

Ingingo ya 38: Ihererekanya ry'uruhushya

Ingingo ya 39: Kwambura uruhushya

Ingingo ya 40: Uburyo bw'ivanwaho ry'uruhushya

Ingingo ya 41: Guhagarika ibikorwa by'ubucuruzi

Ingingo ya 42: Amafaranga y'igenzuramikorere

**INSTALLATION AND OPERATION OF A
WASTEWATER TREATMENT SYSTEM**

Article 27: Provision wastewater treatment service

Article 28: License requirements for installation of decentralized wastewater treatment systems

Article 29: Assessment of license application

Article 30: Decision on license application

Article 31: Issuance of the license

Article 32: Reasons to reject the license application

Article 33: Responsibilities of the licensee

Article 34: Validity of license

Article 35: Loss of license

Article 36: License renewal

Article 37: Licence modification

Article 38: License transfer

Article 39: License revocation

Article 40: License revocation proceedings

Article 41: Suspension of business activities

Article 42: Regulatory fees

**INSTALLATION ET FONCTIONNEMENT D'UN
SYSTEME DE TRAITEMENT DES EAUX USEES**

Article 27: Fourniture de traitement des eaux usées

Article 28 : Conditions de licence d'installation de systèmes décentralisés de traitement des eaux usées

Article 29: Examen de la demande de licence

Article 30: Décision sur la demande de licence

Article 31: Octroi de la licence

Article 32: Motifs de rejet de la demande de licence

Article 33: Responsabilités du titulaire de licence

Article 34: Validité de licence

Article 35: Perte de licence

Article 36: Renouvellement de la licence

Article 37 : Modification de la licence

Article 38: Transfert de licence

Article 39: Revocation de Licence

Article 40: Procédures de révocation de la licence

Article 41: Suspension des activités commerciales

Article 42 : Frais de Régulation

UMUTWE WA 4: KUGENZURA, GUKORA RAPORO NO GUKURIKIZA AMABWIRIZA

Ingingo ya 43: Ibisabwa mu rwego rwo kubika neza ibyakozwe

Ingingo ya 44: Inshingano yo gutanga raporo

Ingingo ya 45: Ubugenzuzi

Ingingo ya 46: Ubuzima n'umutekano

Ingingo ya 47: Ibyibandwaho muri rusange mu rwego rw'umutekano

Ingingo ya 48: Ukwegera abacuruzi b'ibikoreho n'ibinyabutabire

Ingingo ya 49: Kurinda abakozi n'abashyitsi

UMUTWE WA 5: IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI

Ingingo ya 50: Kubangamira ikorehwa ry'ububasha bw'Urwego Ngenzuramikorere

Ingingo ya 51: Kudatanga raporo

Ingingo ya 52: Gutanga amakuru atari yo

Ingingo ya 53: Kudakurikiza ibikubiye mu rwandiko rwo kwihanangiriza cyangwa imirongo ngenderwaho y'Urwego Ngenzuramikorere

CHAPTER 4: MONITORING, REPORTING AND ENFORCEMENT

Article 43: Records keeping requirement

Article 44: Reporting submission obligation

Article 45: Inspections

Article 46: Health and safety

Article 47: General safety considerations

Article 48: Contacting suppliers of equipment and chemicals

Article 49: Protection of personnel and visitors

CHAPTER 5: ADMINISTRATIVE SANCTIONS

Article 50: Hindrance of the implementation of the Regulatory Authority's powers

Article 51: Failure to submit reports

Article 52: Provision of false information

Article 53: Failure to comply with enforcement notice or Regulatory Authority's directives

CHAPITRE 4 : CONTROLE, RAPPORT ET MISE EN APPLICATION

Article 43: Obligation d'archivage

Article 44: Obligation de soumission de rapport

Article 45: Inspections

Article 46: Santé et sécurité

Article 47: Considérations générales de sécurité

Article 48: Contacter les fournisseurs d'équipement et de produits chimiques

Article 49: Protection du personnel et des visiteurs

CHAPITRE 5 : SANCTIONS ADMINISTRATIVES

Article 50 : Entrave à la mise en œuvre des pouvoirs de l'Autorité de Régulation

Article 51 : La non-présentation des rapports

Article 52 : Déclaration de fausse information

Article 53 : Défaut de se conformer à une notification d'avis d'exécution ou une directive de l'Autorité de Régulation

UMUTWE WA 6: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 54: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Ingingo ya 55: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

CHAPTER 6: FINAL PROVISIONS

Article 54: Repealing provision

Article 55: Commencement

CHAPITRE 6 : DISPOSITIONS FINALES

Article 54: Disposition abrogatoire

Article 55 : Entrée en vigueur

AMABWIRIZA N°004/R/SAN-EWS/RURA/2016 YO KU WA 10/11/2016 AGENA UBURYO BWO GUSHYIRAHO NO GUKORESHA IBIKORWAREMEZO BYEGEREJWE ABATURAGE BITUNGANYA AMAZI YAKORESHEJWE

Inama Ngenzuramikorere,

Ishingiyeye ku biteganywa n'Itegeko Ngenga n°04/2005 ryo ku wa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda, mu ngingo zaryo iya 18, iya 32, n'ya 47 ;

Ishingiyeye ku Itegeko n°62/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena uburyo bwo gukoresha, kubungabunga, kurengera no gucunga neza umutungo w'amazi, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 58 n'ya 59 ;

Ishingiyeye ku itegeko n° 22/2012 ryo ku wa 15/06/2012 rigena itangazwa, imenyekanisha n'ikurikizwa by'inyandiko za Leta;

Ishingiyeye ku bipimo ngenderwaho byashyizweho kandi byemejwe n'Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge ku byerekeranye no kurekura amazi yakoreshejwe ;

Imaze kubona ko ari ngombwa ko hajyaho uburyo bushingiyeye ku mategeko n' amabwiriza hagamijwe

REGULATION N°004/R/SAN-EWS/RURA/2016 OF 10/11/2016 GOVERNING DECENTRALIZED WASTEWATER TREATMENT SYSTEMS

The Regulatory Board,

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of the environment in Rwanda, especially in Article 18, 32 and 47;

Pursuant to Law n°62/2008 of 10/09/2008 putting in place the use, conservation, protection and management of water resources especially in articles 58 and 59;

Pursuant to Law n° 22/2012 of 15/06/2012 determining the publication, notification and commencement of official acts;

Having considered the standards set and approved by Rwanda Standards Board with regard to discharge of wastewater;

Considering that it is necessary to have a legal and regulatory framework to improve the service

REGLEMENT N°004/R/SAN-EWS/RURA/2016 DU 10/11/2016 REGISSANT LES SYSTEMES DECENTRALISES DE TRAITEMENT DES EAUX USEES

Le Conseil de l'Autorité de Régulation,

Vu la loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder, et promouvoir l'environnement au Rwanda, spécialement dans ses articles 18, 32 et 47 ;

Vu la Loi n°62/2008 du 10/09/2008 fixant les règles d'utilisation, de conservation, de protection, et de gestion des ressources en eau, spécialement en ses articles 58 et 59 ;

Vu la loi n° 22/2012 du 15/06/2012 déterminant la publication, la notification et l'entrée en vigueur des actes officiels ;

Après avoir considéré les normes établies et approuvées par l'Office Rwandais de Normalisation en matière d'évacuation des eaux usées ;

Considérant la nécessité d'avoir un cadre légal et réglementaire visant à améliorer la prestation des

kunoza imitangire ya serivisi mu rwego rw'ibikorwaremezo byegerejwe abaturage bitunganya amazi yakoreshejwe;

Imaze gusuzuma no kwemeza mu nama yayo yo ku wa 08 Ugushyingo 2016;

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza agamije gushyiraho uburyo bwo kugenzura itegurwa, iyubakwa, imikoreshereze no gufata neza ibikorwaremezo byegerejwe abaturage bitunganya amazi yakoreshejwe hagamijwe gutanga serivisi zinoze, nziza kandi zidahenze zijyanye no gutunganya ayo mazi mu Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya mabwiriza, uretse aho yumvikana ukundi bitewe n'aho akoreshejwe, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° Ibikorwaremezo byegerejwe abaturage bitunganya amazi yakoreshejwe : ibikorwaremezo bihuriza hamwe, bitunganya kandi bikajyana ahandi amazi yakoreshejwe akomoka mu

delivery for decentralized wastewater treatment systems;

After consideration and adoption in its meeting of 08 November 2016;

HEREBY ADOPTS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this regulation

The purpose of this Regulation is to establish a regulatory framework for designing, installing, operating and maintaining decentralized wastewater treatment system to ensure efficient, effective and affordable wastewater treatment services in Rwanda.

Article 2: Definition of terms

In this regulation, unless the context otherwise requires, the following terms shall have the following meanings:

1° Decentralized wastewater treatment systems: collection, treatment and disposal systems of wastewater from individual homes, clusters of homes (residential estates), isolated communities or

services pour les systèmes décentralisés de traitement des eaux usées;

Après examen et adoption dans sa réunion du 08 November 2016 ;

ADOpte :

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Article premier : Objet du présent règlement

L'objet du présent règlement est de mettre en place un cadre réglementaire pour l'élaboration, installation, fonctionnement et maintenance des systèmes décentralisés de traitement des eaux usées pour assurer les services efficaces, durables et abordables de traitement des eaux usées au Rwanda.

Article 2 : Définition des termes

Dans le présent règlement, sauf si le contexte l'exige autrement, les termes ci-après ont les significations suivantes :

1° Systèmes décentralisés de traitement des eaux usées : systèmes de collecte, de traitement, et d'évacuation des eaux usées en provenance des maisons résidentielles, des agglomérations (quartiers

ngo z'abantu ku giti cyabo, amazu menshi ari hamwe (amazu yo guturamo), imidugudu iri yonyine cyangwa ibigo. Ibyo bikorwaremezo bitunganya kandi bikayobora ahandi ayo amazi bifatiye ku masoko yayo cyangwa hafi yaho ;

2° Kuzibura : igikorwa cyo kuvana icyondo mu bikorwaremezo bitunganya amazi yakoreshejwe ;

3° Amazi yakoreshejwe akomoka mu ngo : amazi yakoreshejwe akomoka mu mazu atuwemo harimo amazi ava mu bwihereho, aho bakarabira, aho bogera, n'aho bamesera ;

4° Amazi yamenwe: amazi asohoka aho batunganyiriza amazi yakoreshejwe;

5° Umwubatsi: umuntu, ikigo cy'ubucuruzi cyangwa koperative yubaka cyangwa isana ibikorwaremezo bitunganya amazi yakoreshejwe;

6° Uruhushya : inyandiko itangwa n'ubuyobozi yemerera umuntu, ikigo cy'ubucuruzi cyangwa koperative kubaka ibikorwaremezo byegerejwe abatunganyiriza bitunganya amazi yakoreshejwe no kubikoresha mu gihugu ;

7° Nyiribikorwaremezo : umuntu uwo ari we wese harimo n'ukodesha, wemerewe kubaka, gufata neza, gukoresha, gusana, kunoza cyangwa kwagura ibikorwa byo gutunganya amazi yakoreshejwe ;

institutional facilities. These systems treat and dispose off effluent at or near their origin;

2° De-sludging: removal of sludge from wastewater treatment system;

3° Domestic wastewaters: wastewater coming from residential sources including toilets, sinks, bathing, and laundry;

4° Effluent: liquid discharged from a wastewater treatment unit;

5° Installer: a person, company or cooperative that constructs or repairs wastewater treatment systems;

6° License: an official document which confirms that the person, company or cooperative can legally install and operate decentralized wastewater treatment facilities in the country;

7° Owner: any person, including the tenant, having the authority to construct, maintain, operate, repair, improve or extend wastewater treatment works;

résidentiels), communautés isolées ou établissements. Ces systèmes traitent et éliminent les effluents depuis leurs origines ou dans leurs entourages ;

2° Déminage: opération consistant à débarrasser la boue du système de traitement des eaux usées ;

3° Eaux usées domestiques: eaux usées provenant des sources résidentielles y compris les toilettes, les éviers, les baignoires et les blanchisseries ;

4° Effluent: liquide rejeté par une unité de traitement des eaux usées;

5° Installateur : personne, société commerciale ou une coopérative qui construit ou réfectionne les systèmes de traitement des eaux usées ;

6° Licence : un document officiel qui autorise une personne, une société commerciale ou une coopérative à installer et rendre opérationnel légalement des infrastructures décentralisées de traitement des eaux usées dans le pays ;

7° Propriétaire : toute personne, y compris le locataire, autorisée à construire, faire la maintenance, rendre opérationnel, réfectionner, améliorer ou faire l'extension des travaux de traitement des eaux usées ;

8° Ukoresha ibikorwaremezo : umuntu uwo ari we wese wahawe akazi cyangwa washyizweho na nyir'ibikorwaremezo mu rwego rwo gutunganya amazi yakoreshejwe no gufata neza ibyo bikorwaremezo ;

9° Utanga serivisi wemewe : Umuntu uwo ari we wese wahawe uruhushya n'Urwego Ngenzuramikorere rwo gutanga serivisi zo gutunganya amazi yakoreshejwe ;

10° Urwego Ngenzuramikorere: Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro ;

11° Utanga serivisi : abantu ku giti cyabo, ibigo by'ubucuruzi cyangwa amashyirahamwe atanga serivisi zerekeranye no gutunganya amazi yakoreshejwe mu rwego rwo gutegura, kubaka, gukoresha no gufata neza ibikorwaremezo byifashishwa mu gutanga izo serivisi ;

12° Amazi y'umwanda : umwanda utwawe n'amazi uvuye mu bwihereho, mu gikoni, aho bamesera, mu rwogero cyangwa mu bwihereho, waba ari wonyine cyangwa uri kumwe n'andi mazi akomoka mu butaka, atemba ku butaka, amazi y'imvura y'amahindu, cyangwa andi mazi yakomoka mu mazu atuwe, mu nyubako nini, mu binyabiziga, mu nganda n'ahandi hantu hose agatwarwa n'urusobekerane rw'amatiyo manini

8° Operator: any person employed or appointed by the owner of wastewater treatment system for the operation and maintenance of the wastewater treatment system;

9° Qualified service provider: Any person licensed by the Regulatory Authority to provide wastewater treatment services;

10° Regulatory Authority: Rwanda Utilities Regulatory Authority ;

11° Service provider: natural persons, enterprises or organizations which provide wastewater treatment related services in terms of design, installation, operation and maintenance;

12° Sewage: the water-carried waste containing human waste, kitchen, laundry, shower, bath or lavatory wastes, either separately or together with such underground, surface, storm and other water and liquid industrial waste as may be present from residences, buildings, vehicles, industrial establishments or other places and carried by sewer network to the treatment or disposal site;

8° Opérateur : toute personne employée ou désignée par le propriétaire d'un système de traitement des eaux usées pour le rendre opérationnel et l'entretenir ;

9° Prestataire de services qualifié: Toute personne autorisée par l'Autorité de Régulation à fournir les services de traitement des eaux usées ;

10° Autorité de Régulation : L'Autorité Rwandaise de Régulation de Certains Services d'Utilité Publique ;

11° Prestataire de Services : personnes physiques, entreprises ou organisations qui fournissent des services liés au traitement des eaux usées en termes de conception, d'installation, d'exploitation et de maintenance ;

12° Eaux usées: déchets transportés par l'eau contenant des déjections humaines , des déchets de cuisine, de blanchisseries , des douches, des bains, ou des toilettes, soit séparément ou ensemble avec d'autres déchets souterrains, de surface, des orages et d'autres eaux ou des déchets liquides des industries en provenance des lieux résidentiels bâtiments, véhicules, établissements industriels ou d'autres lieux, conduits par un réseau d'égouttage vers un site de traitement ou d'évacuation;

yerekeza aho atunganyirizwa cyangwa aho agomba kwerekezwa ;

13° Umwanda cyangwa urwondo: umwanda uwo ari wo wose ufashe cyane cyangwa buhoro, ibisigazwa bitemba buzi birimo ibintu byavanywe mu mazi mu gihe cyo kuyatunganya, yaba akomoka mu mijyi cyangwa mu ngo ;

14° Gutunganya amazi y’umwanda : uburyo bwo kuvana ibintu bihumanya mu mazi yakoreshejwe no mu mazi y’umwanda akomoka mu ngo haba mu miyoboro anyuramo cyangwa mu ngo hagamijwe gukora isoko y’amazi yakoreshejwe, imyanda ikomeye cyangwa icyondo bikaba byashobora kujyanwa ahandi cyangwa kongera gukoreshwa. Ubwo buryo bukubiyemo gutunganya amazi y’umwanda agakurwamo ibintu bihumanya bigaragara, iby’ubutabire n’ibinyabuzima ;

15° Urusobe rukusanyirizwamo kandi rugatwara amazi y’umwanda : urusobe rukusanyirizwamo kandi rugatwara amazi y’umwanda rugizwe n’ibihombo cyangwa imiyoboro, imashini zikurura amazi kimwe n’imiyoboro minini cyangwa izindi nyubako zose, ibikoresho n’ibindi bijyanye nabyo mu gukusanya no kuyobora amazi y’umwanda ku bikorwaremezo biyatunganya cyangwa biyajyana aho agomba kwerekezwa bwa nyuma ;

16° Ukora inyigo ku miterere y’ibikorwaremezo : umuntu uwo ari we wese wiga ku miterere y’ubutaka kimwe n’ibiranga ahantu

13° Sewage sludge or sludge: any solid, semisolid, or liquid residues which contain materials removed from municipal or domestic wastewater during treatment;

14° Sewage treatment: the process of removing contaminants from wastewater and household sewage, both run off and domestic aimed at producing waste stream and solid waste or sludge suitable for discharge or reuse back into the environment. It includes the process of removal of physical, chemical and biological contaminants;

15° Sewerage system: sewage collection system consisting of pipelines or conduits, pumping stations and force mains and all other construction, devices and appliances appurtenant thereto, used for the collection and conveyance of sewage to a treatment works or point of ultimate disposal;

16° System Designer: any person who investigates soils and site characteristics to determine

13° Boue d’épuration ou boue : toutes sortes de résidus solides, semi-solides ou liquides contenant des matières tirées des eaux usées municipales ou domestiques pendant le traitement ;

14° Traitement des eaux usées : le processus d’enlèvement de substances contaminatrices des eaux usées et des égouts des ménages, des substances charriées et des substances provenant des déchets domestiques dans le but de produire un ruisseau de déchets et des déchets solides ou boue prêts pour évacuation ou réutilisation dans l’environnement. Il inclut des processus d’enlèvement des substances contaminatrices physiques, chimiques et biologiques ;

15° Système des eaux usées : système de collection des eaux d’égout composé de pipelines ou de conduits, des stations de pompage et de canalisation renforcée ou d’autres constructions, des équipements et leurs accessoires utilisés pour collecter et conduire l’eau d’égout vers les stations de traitement ou le point final d’évacuation ;

16° Un concepteur de système : toute personne qui mène des investigations à propos du sol et caractéristiques du site en vue de déterminer leur

ibikorwaremezo bizashyirwa akareba niba biberanye na ho inzitizi zihari ; ingero zikenewe, agatekereza akanashyira mu nyandiko imiterere y'ibikorwaremezo byo gutunganya amazi yakoreshejwe ;

17° Ukoresha: umuntu uwo ari we wese, umuryango, cyangwa ihuriro ry'abantu rikoresha ibikorwaremezo byo gutunganya amazi yakoreshejwe;

18° Amazi yakoreshejwe: amazi yakoreshejwe harimo n'akomoka mu bwihereho cyangwa arimo indi myanda yo mu ngo; yaba adatunganijwe cyangwa atunganijwe mu buryo butuzuye, akaba arimo ibintu bitandukanye bihumanya bitewe n'icyo yakoreshejwe;

19° Gutunganya amazi yakoreshejwe : igikorwa cyo kongera ubwiza bw'amazi no kuyayungurura, akavamo bimwe cyangwa byose mu bihumanya kugira ngo yongere akoreshe cyangwa yoherezwe mu bidukikije.

suitability, limitations and sizing requirements and designs wastewater treatment systems;

17° User: any person, organization, or other entity, that uses the wastewater treatment facilities;

18° Wastewater: the water that has been used including any human excrete or domestic water borne waste, whether untreated or partially treated and it contains various pollutants, depending on what it was used for;

19° Wastewater treatment: a process to improve and purify the water, removing some or all of the contaminants and making it fit for reuse or discharge back to the environment.

adéquation, limitations et conditions de dimensions, et qui conçoit les systèmes de traitement des eaux usées ;

17° Utilisateur : toute personne, organisation, ou autre entité qui utilise des infrastructures de traitement des eaux usées ;

18° Eaux usées : Eaux utilisées comprenant tout excrément humain ou des déchets provenant des eaux domestiques, soit non traitée ou partiellement traitée et contenant des substances polluantes diverses en fonction de son utilisation antérieure ;

19° Traitement des eaux usées : processus d'amélioration et de purification d'eau en éliminant certaines ou toute substance contaminatrices afin de la purifier pour être réutilisée ou la ramener vers l'environnement.

**UMUTWE WA 2 : IBIKENEWE MU RWEGO
RWA TEKINIKI MU GUTEKEREZA NO
GUSHYIRA MU NYANDIKO, KUBAKA NO
GUKORESHA IBIKORWAREMEZO BYO
GUTUNGANYA AMAZI YAKORESHEJWE**

**Ingingo ya 3: Ubushakashatsi bubanziriza
gutekereza no gushyira mu nyandiko imiterere
y'ibikorwaremezo**

Umuntu uwo ari we wese ushaka kubaka ibikorwaremezo bitunganya amazi yakoreshejwe agomba gukora inyigo cyangwa ubushakashatsi bibanziriza igikorwa cyo gushyira mu nyandiko imiterere y'ibikorwaremezo bitunganya amazi yakoreshejwe. Ubwo bushakashatsi cyangwa inyigo bigomba kuba bikubiyemo Isuzumangaruka ku Bidukikije (EIA) ndetse n'inyigo y'uburyo uwo mushinga uzashyirwa mu bikorwa.

Ubushakashatsi bubanziriza igikorwa n'ishyirwa mu nyandiko ry'imiterere y'ibikorwaremezo, bugomba kwita ku bushakashatsi, ku miterere y'ubutaka, kwirinda imyuzure, guhanga no gushyira mu nyandiko imiterere y'ibikorwaremezo kimwe n'inyigo zijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga.

**CHAPTER 2: TECHNICAL
REQUIREMENTS FOR DESIGN,
INSTALLATION AND OPERATION OF
WASTEWATER TREATMENT SYSTEM**

Article 3: Pre-design investigations

Any person wishing to install Wastewater treatment system shall investigate on feasibility or pre-design investigations. This pre-design investigation shall include an Environmental Impact Assessment (EIA) and feasibility studies.

The pre-design investigations shall take into consideration the soil investigation, flood protection, the design and the feasibility studies.

**CHAPITRE 2 : CONDITIONS TECHNIQUES
POUR LA CONCEPTION, L'INSTALLATION
ET LE FONCTIONNEMENT D'UN SYSTEME
DE TRAITEMENT DES EAUX USEES**

Article 3 : Investigations pré-conceptuelles

Toute personne désirant installer le système de traitement d'eaux usées doit mener des investigations pré-conceptuelles ou de faisabilité. Celles-ci doivent comprendre une Evaluation de l'Impact sur l'Environnement (EIA) ainsi que des études de faisabilité.

Les investigations pré-conceptuelles doivent tenir compte de l'investigation du sol, la protection contre les inondations, les conceptions et les études de faisabilité.

Ingingo ya 4: Ubushakashatsi ku miterere y'ubutaka

Umuntu uwo ari we wese ushaka kubaka ibikorwaremezo bitunganya amazi yakoreshejwe agomba gukora ubushakashatsi ku miterere y'ubutaka hagamijwe kureba niba ubwo butaka bushobora gushyirwaho ibikorwaremezo bitunganya amazi yakoreshejwe. Ubu bushakashatsi bugomba kwibanda ku buryo amazi arigita mu butaka, uko bumira ayo amazi ndetse n'imiterere y'ubutaka muri rusange.

Ingingo ya 5: Kwirinda imyuzure, gutekereza no gushyira mu nyandiko aho ibikorwaremezo bizashyirwa

Umuntu uwo ari we wese ushaka kubaka ibikorwaremezo bitunganya amazi yakoreshejwe agomba gukora buri gihe ubushakashatsi bugaragaza niba ubutaka budashobora kurengerwa n'imyuzure. Utekereza ku miterere y'ibikorwaremezo bitunganya amazi yakoreshejwe agomba kureba niba igipimo cyo hejuru ibikorwaremezo byakiriraho amazi kizorohereza gutemba kw' amazi yakoreshejwe yatunganyijwe kandi agategura uburyo bunoze bwo gutandukanya amazi yakoreshejwe n'amazi y'imvura.

Article 4: Soil investigation

Any person wishing to install wastewater treatment system shall investigate on soil morphology to determine whether the site is suitable for a wastewater treatment system. These examinations shall look at percolation, soil permeability and general soil properties.

Article 5: Flood protection and site design

Any person wishing to install wastewater treatment system shall investigate on the susceptibility of the site to flooding. The designer of wastewater treatment system shall consider if high receiving water levels of the site would impact the discharge of treated wastewater effluent and make an adequate plan to separate wastewater from storm water.

Article 4 : Investigation du sol

Toute personne désirant installer le système de traitement des eaux usées doit mener une investigation de la morphologie du sol en vue de déterminer si le site est approprié pour le système de traitement des eaux usées. Ces tests doivent porter sur la percolation, la perméabilité du sol ainsi que sur les propriétés générales du sol.

Article 5 : Protection contre les inondations et conception du site

Toute personne désirant installer le système de traitement des eaux usées doit mener des investigations sur la vulnérabilité du sol aux inondations. Le concepteur du système de traitement des eaux usées doit s'assurer que les niveaux élevés de réception d'eau du site ont un impact sur l'évacuation de l'effluent d'eau traitée et doit faire un plan approprié qui sépare les eaux usées des eaux de pluie.

Ingingo ya 6: Inyigo zigamije kureba niba ahantu hatoranyijwe hashobora kwakira ibikorwaremezo

Inyigo zigamije kureba niba ahantu hatoranyijwe hashobora kwakira ibikorwaremezo zigomba kugaragaza ibi bikurikira :

- a. Uburyo bunyuranye mu bijyanye n'imari shingiro, imikorere n'igicro cyo gufata neza ubutaka,
- b. Kuba hadakoresheka ingufu nyinshi z'amashanyarazi,
- c. Ibishushanyo mbonera by'inubako.

Ingingo ya 7: Ibisabwa mu gutekereza no gushyira mu nyandiko ibikorwaremezo byo gutunganya amazi yakoreshejwe

Ishusho y'ibikorwaremezo bitunganya amazi yakoreshejwe igomba kuzuza ibisabwa mu rwego rw'ubuziranenge bw'umuyoboro w'amazi, guhamya intego n'ibisabwa mu rwego rwo kuvanaho imyanda kandi ugateganya ikoranabuhanga ry'ibanze mu bijyanye no gutunganya amazi.

Utekereza ku miterere y'ibikorwaremezo byo gutunganya amazi yakoreshejwe agomba kwibanda by'umwihariko kuri ibi bikurikira:

Article 6: Feasibility studies of the site

The feasibility studies of the site shall include the followings:

- a. Alternatives in terms of capital, operation and maintenance costs of land,
- b. Efficiency in energy consumption,
- c. The system drawings.

Article 7: Requirements to design wastewater treatment systems

The design of wastewater treatment systems shall meet the required effluent quality, objectives, sludge disposal requirements and minimum treatment technology.

The designer of wastewater treatment systems shall particularly take into consideration the following:

Article 6 : Etudes de faisabilité du site

Les études de faisabilité du site doivent comprendre ce qui suit :

- a. Des possibilités en termes de capital, fonctionnement et coûts de maintenance du sol,
- b. Efficience en termes de consommation d'énergie,
- c. Les croquis du système.

Article 7 : Conditions de conception des systèmes de traitement des eaux usées

La conception des systèmes de traitement des eaux usées doit remplir les conditions de qualité requise en rapport avec l'effluent, objectifs, conditions d'évacuation de la boue et la technologie minimale de traitement.

Le concepteur de systèmes de traitement des eaux usées doit en particulier tenir en considération ce qui suit :

Official Gazette n°20bis of 14/05/2018

- | | | |
|---|---|--|
| a. Gutandukanya amazi yakoreshejwe akomoka ahantu hatuwe, ahakorerwa ubucuruzi, n'ahakorerwa n'inganda mbere yo kugena no gushyiraho ibipimo by'amazi agomba gutunganyirizwa muri izo nyubako; | a. To make a differentiation of wastewater from residential, commercial and industrial sites prior to designing and establishment of loading rates; | a. Faire une distinction des eaux usées provenant des sites résidentiels, commerciaux et industriels avant de concevoir et d'établir des taux de remplissage ; |
| b. Kumenya uko ingano y'amazi ahita mu bikorwaremezo biteganyijwe agenda ahinduka umunsi ku wundi ndetse n'amasaha ayo mazi aba ari menshi ku munsi ; | b. To ensure the sensitivity to fluctuating daily flows and peak hourly flows; | b. Assurer la détection des fluctuations aux des écoulements pendant le jour et les heures de pointe ; |
| c. Umubare w'abaturatione bazakoresha ibyo bikorwaremezo; | c. The number of population to be served; | c. L'effectif de la population à servir ; |
| d. Kumenya intera nyayo iri hagati y'aho igikorwa giteganyijwe gushyirwa n'ahantu hafi hatuwe cyangwa ahantu hari ibikorwa bya rusange nk'umuyoboro w'urwego rushinzwe gukwirakwiza amazi kimwe no kubasha kugera ku magaraje y'imodoka, amazu atuwe, pisine, ibikorwa bitwara amazi by'abantu ku giti cyabo, amasoko, imiyoboro y'amazi, ibiyaga, ibidendezi, ibishanga byateweho imbago cyangwa ahandi hantu; | d. To ensure the adequate distance to the nearest residential area or public place such as water authority sewer and access for maintenance vehicles, occupied buildings, swimming pools, individual water supply, streams, watercourses, lakes, ponds, delineated wetlands or other surface; | d. Déterminer la distance appropriée vers la zone résidentielle la plus proche ou la place publique tel que le canal d'égouttage de l'autorité chargée de l'eau et l'accessibilité pour les véhicules de maintenance, des bâtiments occupés, des piscines, des fournitures d'eaux individuelles, des ruisseaux, des cours d'eaux, des lacs, des étangs, des marais bornés ou autre surface ; |
| e. Kureba niba bishoboka kwagura ibikorwaremezo mu bihe bizaza cyangwa gushyiraho ikindi gikorwa nka cyo bibangikanye ndetse no kureba niba byoroshye kuvanaho icyo gikorwa; | e. To ensure the possibility of future extensions, duplication of the system and ease of treatment plant removal; | e. Assurer la possibilité de futures extensions, de duplication du système et d'un enlèvement facile de l'unité de traitement ; |

Official Gazette n°20bis of 14/05/2018

- f. Guteganya uburyo bwo kongera imiyoboro mishya ku bikorwaremezo bisanzwe no kwirinda ugusandara kw'amazi akomoka mu bikorwaremezo bishya n'ibisanzwe;
- g. Kureba niba agasanduku ko hanze gakumira amavuta kiteguye kubanza gutunganya imyanda ikomoka mu maresitora cyangwa ibindi bikoni bikoreshwa mu bucuruzi aho ibikorwaremezo bitunganya amazi yakoreshejwe bikoreshwa;
- h. Kumenya niba hariho uburyo bw' impuruza ku bikoresho bya mekanike nk'amamashini yo gutunganya amazi yakoreshejwe akorera ahantu harangaye, amapompe n'ibindi kugira ngo bumenyeshwe ababishinzwe ko habaye ikibazo mu mikorere y'ayo mamashini;
- i. Kubaka ibikorwaremezo ahantu hacuramywe ku buryo amazi yakoreshejwe yatunganyijwe atemba yaba ari aturuka mu nzu cyangwa ku butaka;
- j. Gukora ku buryo inyigo y'imiterere y'ibikorwaremezo bitunganya amazi yakoreshejwe ihura n'ibipimo by'amazi yamenwe cyangwa ibipimo ntarengwa
- f. To plan for new connections to an existing system, to prevent the potential for overflows from both the new and existing systems;
- g. To ensure that a properly sized exterior grease trap is up for pretreatment of kitchen waste from a restaurant or any other commercial kitchen where wastewater treatment systems are used;
- h. To ensure that alarms are in place for mechanical equipment such as aerobic treatment units, pumps and others to alert the responsible individual in the event of malfunction;
- i. To install the system in ground falling away from the house so that the treated wastewater drains away from the house or possibly from regularly used parts of the garden;
- j. To ensure that the design is done in such a way that the treated wastewater complies with effluent disposal or national standards limitations;
- f. Planifier les possibilités de connexion au système existant en vue de prévenir le débordement éventuel à la fois du nouveau système et des systèmes existants ;
- g. S'assurer qu'une trappe de matière collante extérieure de taille appropriée est mise en place en vue du prétraitement des déchets de cuisine de restaurants ou de toute autre cuisine commerciale où des systèmes de traitement des eaux usées sont utilisés ;
- h. S'assurer que des dispositifs d'alarme sont en place pour des équipements mécaniques comme des unités de traitement aérobies, des pompes et autres dispositifs pour alerter la personne responsable en cas de dysfonctionnement ;
- i. Installer le système sur une pente de façon que l'eau traitée soit drainée loin de la maison ou si possible loin des parties du jardin qui sont régulièrement utilisées ;
- j. S'assurer que la conception est faite de telle manière que les eaux usées soient traitées conformément à l'évacuation d'effluents ou aux normes nationales ;

byashyizweho n'ubuziranenge ku rwego rw'igihugu;

- k. Guhabwa na nyir'ibikorwaremezo amakuru ahagije ku byerekeranye n'imikoreshereze n'ubushobozi bw'inyubako mu rwego rwo gutegura no kubaka ibikorwaremezo byo gutunganya amazi yakoreshejwe hagamijwe kwirinda ko icyo gikorwa cyakora nabi.

Ingingo ya 8 : Aho ibikorwaremezo byo gutunganya amazi yakoreshejwe bigomba kubakwa

Ibikorwaremezo byo gutunganya amazi yakoreshejwe bigomba kubakwa kure hashoboka y'ahantu hatuwe cyangwa hakorerwa ubucuruzi, amazu atuwemo, amasoko y'amazi, ibigega by'amazi, amavomero, ibikorwa bikorerwa muni y'ubutaka, ibizenga byo kogeramo n'imigezi cyangwa ahandi hantu hashobora gutunganywa hagakorerwa ibindi bikorwa mu gihe cyose ibyo bikorwaremezo bikiriho.

Ingingo ya 9 : Ahantu habujijwe gushyirwa ibikorwaremezo byo gutunganya amazi yakoreshejwe

Birabujijwe gushyira ibikorwaremezo byo gutunganya amazi yakoreshejwe ahantu hakurikira :

- k. To possess accurate information from the owner concerning the use and capacity of the building for design and installation purpose to avoid the system failure.

Article 8: Location of wastewater treatment system

Wastewater treatment system sites shall be located as far as practicable from any existing commercial or residential area, dwellings, water supply sources, cisterns, springs, basements, swimming pools and streams or any area that may probably be developed within the system's design life.

Article 9: Prohibited area for wastewater treatment system

It is prohibited to locate wastewater treatment systems in the following areas:

- k. Disposer d'informations appropriées de la part du propriétaire en rapport avec l'utilisation et la capacité du bâtiment aux fins de conception et d'installation en vue de prévenir l'échec du système.

Article 8 : Emplacement d'un système de traitement des eaux usées

Les sites de systèmes de traitement des eaux usées doivent être placés très loin de la zone commerciale ou résidentielle, domiciles, sources d'approvisionnement d'eau, réservoirs d'eau, sources d'eau, sous sols, piscines, ruisseaux ou sur toute autre zone susceptible d'être développée dans la conception du système.

Article 9 : Zone interdite pour les systèmes de traitement des eaux usées

Il est interdit d'ériger des systèmes de traitement des eaux usées dans les zones suivantes :

Official Gazette n°20bis of 14/05/2018

- | | | |
|---|---|--|
| a. Ahantu hashobora kuba umwuzure aho ubutumburuke bw'amazi yo ku butaka bushobora kuba buri hejuru cyangwa aho amazi yo ku butaka ashobora gutera umwuzure ; | a. Flood prone area where the groundwater level is high or in a place where the surface water flooding is possible; | a. Zone exposée aux inondations où le niveau d'eau souterraine est élevé ou dans un endroit où l'inondation des eaux superficielles est possible ; |
| b. Ahantu hari ubutaka bwagaragajwe ko bushobora kubaho umwuzure ; | b. Site where soil has been mapped or identified as floodplain site; | b. Un site dont le sol a été dressé sur une carte ou a été identifié comme site sujet aux inondations ; |
| c. Ahantu h'igishanga cyashyizweho imbago; | c. Area that has been delineated as a wetland; | c. Une zone qui a été déterminée comme étant un marais ; |
| d. Ahantu humvikana umunuko. | d. Area where offensive odors are detected. | d. Une zone dans laquelle des odeurs offensives ont été détectées. |

Ingingo ya 10 : Kubaka ibikorwaremezo byo gutunganya amazi yakoreshejwe

Kugira ngo ibikorwaremezo bitunganya amazi yakoreshejwe bibashe kubakwa ni ngombwa ko ibi bikurikira biba byuzuye :

1. Kubaka ibyo bikorwa bikorwa n'utanga serivisi wabihereye uburenganzira kugira ngo habeho ikizere ko ibyo bikorwa byubatswe bikurikije amabwiriza n'inama zatanzwe n'uruganda rwakoze amamashini ;
2. Ku nyubako zikenera gushyirwaho imyanya yo kunyurwamo n'umuyaga, iyo myanya igomba kubakwa ahantu

Article 10: Installation of wastewater treatment system

Installation of wastewater treatment system is subject to the following conditions:

1. Be performed by a qualified service provider to ensure that the treatment units are constructed in accordance with the manufacturer's recommendations and regulations;
2. Installation requiring venting, the vents must be installed out of sight and downwind from the

Article 10 : Installation du système de traitement des eaux usées

L'installation de systèmes de traitement des eaux usées est soumise aux conditions reprises ci-après :

1. Etre exécutée par un prestataire de service qualifié en vue de s'assurer que des unités de traitement sont construites conformément aux recommandations et règlements du fabricant ;
2. Pour l'installation nécessitant une ventilation, les événements doivent être installés hors de vue de la trajectoire du vent soufflant de la maison ou

hiherereye kandi hatagera umuyaga uvuye ku nzu cyangwa ku nyubako zikorwamo mu rwego rwo kugabanya mu buryo bushoboka ibibazo bijyana n'umunuko.

house or occupied buildings to minimize the possibility of odour problems.

des bâtiments occupés pour minimiser la possibilité des problèmes d'odeur.

Ingingo ya 11: Ingwate yo kwishingira kurangiza neza akazi

